

Umuryango w'Abibumbye



Inteko Rusange



**Akanama gashinzwe Uburenganzira bwa Muntu**

**ITSINDA RYAKOZE ISUZUMA RUSANGE KU ISI KU  
BYEREKEYE UKO UBURENGANZIRA BWA MUNTU  
BUHAGAZE**

**Inama yako ya mirongo itatu na karindwi**

**Geneve, kuva ku wa 18-29 Mutarama 2021**

RAPORO Y'AGATEGANYO  
Y'ITSINDA RYAKOZE ISUZUMA  
NGARUKAGIHE RY'IBIHUGU KU  
BURENGANZIRA BWA MUNTU  
RWANDA



**Akanama gashinzwe Uburenganzira bwa Muntu  
ITSINDA RYAKOZE ISUZUMA RUSANGE KU  
ISI KU BYEREKEYE UKO UBURENGANZIRA  
BWA MUNTU BUHAGAZE**

**Inama yako ya mirongo itatu na karindwi**

Geneve, kuva ku wa 18-29 Mutarama 2021

**RAPORO Y'AGATEGANYO Y'ITSINDA RYAKOZE  
ISUZUMA NGARUKAGIHE RY'IBIHUGU KU  
BURENGANZIRA BWA MUNTU\***

**RWANDA**

---

\* Umugereka watangajwe utaremezwa bwa nyuma mu rurimi rw'umwimerere.

## IRIBURIRO

1. Itsinda rishinzwe gukora isuzuma ngarukagihe ry'ibihugu ku Burenganzira bwa Muntu ryashyizweho hashingiwe ku mwanzuro 5/1 w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Uburenganzira bwa Muntu, kateranye mu nama yako ya mirongo itatu na karindwi guhera ku itariki 18 kugeza ku ya 13 Ukwakira 2021. Itsinda ry'u Rwanda ryari riyobowe na Johnston Busingye, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta. Mu nama yako ya 17 yateranye ku itariki ya 29 Mutarama 2021, Itsinda rikora isuzuma ryemeje iyi raporo irebana n'u Rwanda.

2. Ku itariki ya 12 Mutarama 2021, Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Uburenganzira bwa Muntu katoranyije ibihugu bitatu ( Toroika) bishinzwe gukora raporo kugira ngo biyobore isuzuma ryakozwe ku Rwanda: Bangaradeshi, Polonye na Togo.

3. Hashingiwe ku gika cya 15 cy'umugereka w'umwanzuro 5/1 w'Akanama k'Umuryango w'abibumbye gashinzwe uburenganzira bwa Muntu n'igika cya 5 cy'umugereka w'umwanzuro 16/21 w'Akanama k'Umuryango w'abibumbye gashinzwe uburenganzira bwa Muntu, inyandiko zikurikira zarakusanyijwe mu rwego rwo kugira ngo hasuzumwe imiterere y'uburenganzira bwa Muntu mu Rwanda:

- (a) Raporo y'igihugu yatanzwe hashingiwe ku gika cya 15 (a) (A/HRC/WG.6/37/RWA/1);
- (b) icyegeranyocyaraporo cyakozwe n'ibiro by'Umuyobozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe ku uburenganzira bwa Muntu (OHCHR) hashingiwe ku gika cya 15 (b) (A/HRC/WG.6/37/RWA/2);
- (c) Incamake yateguwe na OHCHR hashingiwe ku gika cya 15 (c) (A/HRC/WG.6/37/RWA/3).

**4. Urutonde rw'ibibazo rwateguwe mbere n'Ububiligi, Kanada, Ubudage, Liechtenstein, Soloveniya, Panama, Suwede, Ibihugu bigize Ubwami bw'Ubwongereza, Irilande y'Amajyaruguru, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, rwohererezwa u Rwanda binyuze kuri troïka. Urwo rutonde rw'ibibazo ushobora kurureba ku rubuga rw'itsinda rishinzwe gukora Isuzuma.**

### **I. Incamake y'ibiganiro birebana n'isuzuma**

Igomba kuba yarangiye ku italiki ya 5 Gashyantare 2021

- A. Ikiganiro cyatanzwe n'Igihugu kirimo gukorerwa Isuzuma**
- B. Ibiganiro n'ibisubizo byatanzwe na Leta yakorewe isuzuma**

**5. Muri ibyo biganiro, abahagarariye ibihugu byabo 99 bagize icyo bavuga. Ibyifuzonama byatanzwe muri ibyo biganiro biri mu gika cya II cy'iyi raporo.**

### **II. Imyanzuro n'ibyifuzonama**

**6. Ibyifuzonama byaatanzwe muri ibyo biganiro, biri ku rutonde hasi byasuzumwe n'u Rwanda kandi ruranabyemera:**

6.1 Gukomeza gushyira imbaraga mu mikoranire n'inzego z'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Uburenganzira bwa Muntu (Maroke);

6.2 Kongera imbaraga mu mikoranire n'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye (Arumeniya);

6.3 Amategeko y'imbere mu gihugu agomba guhuzwa n'amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'abantu bafite

ubumuga, hagakurwamo amagambo atesha agaciro abantu bafite ubumuga akigaragara mu mategeko amwe n'amwe **(Chili)**;

6.4 Gukomeza gutera intambwe mu guha imbaraga inzego zishinzwe uburenganzira bwa Muntu mu gihugu **(Pakisitani)**;

6.5 Gushimangira intambwe yatewe mu guha imbaraga inzego zishinzwe uburenganzira bwa Muntu no kongera uruhare rwazo mu gukurikirana uko amahame mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu yubahirizwa ku rwego rw'igihugu **(Tuniziya)**;

6.6 Gukomeza gushyira imbaraga mu gukangurira abaturage gukumira Jenocide no kurwanyaingabitekerezo yayo **(Jorijiya)**;

6.7 Gukomeza inzira y'ubwiyunge kugira ngo abaturage bose, hatitawe ku moko cyangwa ku madini, bashobore kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu ari nako hubahirizwa uburenganzira bw'ibanze bwa muntu **(Vatikani)**;

6.8 Gukomeza guhangana n'ikibazo cy'izamuka ry'umubare w'abakomeza guhakana Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda **(Isiraheli)**;

6.9 Gukomeza kongerera ubumenyi abakozi bahari no kongerera ubushobozi ibigo byashyizweho **(Libiya)**;

6.10 Kongera ubushobozi mu bya tekini n'imari mu rwego rwo gufasha abantu batishoboye kurusha abandi **(Mozambiki)**;

6.11 Gusigasira ibimaze kugerwaho mu kubahiriza uburenganzira bwa muntu kuri bose hitabwa cyane cyane ku bantu batishoboye kurusha abandi **(Nijeriya)**;

6.12 Gukomeza gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa bigamije guteza imbere uburenganzira bwa Muntu mu gihugu **(Filipine)**;

6.13 Gukomeza intambwe yatewe mu guteza imbere uburenganzira bwa Muntu mu byerekeye imbenezamubano na politiki **(Kameruni)**;

6.14 Gushimangira uburenganzira bwa Muntu mu byerekeye ubukungu, imibereho myiza n'umuco, n'uburenganzira bwo kubona umurimo (**Kameruni**);

6.15 Kurushaho kumenyesha abanyarwanda amasezerezano mpuzamahanga n'ayo ku rwego rw'akarere yashyizweho umukono ku burenganzira bwa muntu kugira ngo basobanukirwe uburenganzira bwabo (**Turukiya**);

6.16 Gushimangira ingamba zifashishwa mu iyubahirizwa ry'itegeko 43/2013, harimo no mu duce tw'icyaro (**Angola**);

6.17 Gufata ingamba mu kongera imitangire ya serivisi inoze mu nzego za Leta irangwa no gukorera mu mucyo ndetse no gusobanurira abaturage ibibakorerwa (**Azaribayeja**);

6.18 Gushyira imbaraga mu gukomeza guhugura abapolisi ku burenganzira bwa muntu kugira ngo birinde gukoresha imbaraga z'umurengera (**Ubutaliyani**);

6.19 Kongera imbaraga mu bikorwa bijyanye no gukangurira, kwigisha, no guhugura sosiyete sivile, abashinzwe kubahiriza amategeko, abashinzwe imibereho myiza y'abaturage, abanyamakuru n'amasendika ibyerekeye uburenganzira bwa muntu (**Arijeriya**);

6.20 Guhana ibyaha byose bijyanye n'igurishwa ry'abana, uburaya n'amashusho y'ibiterasoni byerekeye umwana, mu rwego rwo kubahiriza amasezerano y'inyongera ku masezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana ku birebana n'igurishwa ry'abana, uburaya n'amashusho y'ibiterasoni byerekeye umwana (**Megizike**);

6.21 Kuvugurura ingingo z'amategeko zishobora kuvangura abagore hashyirwaho itegeko ryihariye rirwanya ivangura kandi ribuza ivangura aho ryaturuka hose, ryaba rikorwa ku buryo buziguye cyangwa butaziguye haba mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera ku giti cyabo, ndetse n'ubundi buryo bwose bujyanye n'ivangura rikorerwa abagore nkuko bivugwa mu ngingo ya mbere

y'amasezerano mpuzamahanga abuzwa ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore (**Arijantine**);

6.22 Gukomeza amavugurura agamije kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo hibandwa cyane ku kongerera amahirwe ku burezi abana b'abakobwa baturuka mu miryango itishoboye (**Arumeniya**);

6.23 Gushyira imbaraga mu kubahiriza uburenganzira bwa muntu ku bantu bageze mu za bukuru cyane cyane muri iki gihe cy'icyorezo cya COVID-19 (**Arijantine**);

6.24 Gukomeza gushyira imbaraga mu kwinjiza muri gahunda z'iterambere abantu batishoboye (**Kameruni**);

6.25 Kongera imbaraga mu gushyiraho no gushyira mu bikorwa amategeko agamije gukemura ibibazo bibangamiye ibidukikije mu nzego zinyuranye hagamijwe guhangana n'imihindagurikire y'ikirere no kugabanya ingaruka zabyo, kandi abagore, abana, abantu bafite ubumuga, ba nyakamwe n'abaturage muri rusange bakagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ryayo (**Fiji**);

6.26 Gukomeza ibikorwa byo kwitegura kugabanya ingaruka ziterwa n'imihindagurikire y'ikirerere cyane cyane ku buhinzi n'umuriro w'amashanyarazi ukomoka ku ngomero (**Repubulika ya Kiyisiramu ya Irani**);

6.27 Gushyira imbaraga mu kubaka ubushobozi mu gihugu mu rwego rwo kunoza amaperereza ku birego by'iyicwa ry' abantu batagejewe imbere y'ubutabera, ibura ry' abantu no gukorera abantu iyicarubozo (**Misiri**);

6.28 Gufata ingamba zikwiye mu kurwanya umuco wo kudahana ku bakora ibyaha byo kunyereza abantu (**Lituwaniya**);

6.29 Gutangaza raporo buri mwaka itangwa n'urwego rw'igihugu rufite gukumira iyica rubozo mu nshingano nk'uko bisabwa mu mabwiriza yarwo kugira ngo rurusheho gukorera mu mucyo (**Repubulika ya Ceke**);

6.30 Kwihutisha gahunda z'amahugurwa ku burenganzira bwa muntu agenewe abakozi ba Leta n'abasirikare no gushyiraho uburyo bufasha abaturage kugira uruhare mu gucunga umutekano wabo hagamijwe gukuraho icyarubozo no ibindi bikorwa by'ubugome bitesha umuntu agaciro **(Indoneziya)**;

6.31 Kubahiriza uburenganzira bw'abafungwa no gukora iperereza ryihuse, ritabogamye kandi ryimbitse ku birego bijyanye no gukorera abantu ubugome bukabije, gufunga abantu bidakurikije amategeko, gukorera imfungwa icyarubozo no kubavutsa ubuzima **(Kositarika)**;

6.32 Gukomeza intambwe yatewe mu kwagura amagereza no kunoza imibereho myiza y'abayafungiwemo **(Cuba)**;

6.33 Kunoza uburyo bw'imifungire y'imfungwa n'abagororwa hubahiriza amabwiriza yashyizweho n'Umuryango w'abibumbye ajyanye n'imibereho y'imfungwa n'abagororwa **(Danemariki)**;

6.34 Gushyiraho Iteka rishyira mu bikorwa ibihano by'imirimu y'inyungu rusange nkuko biteganywa n'itegeko No. 68/2018 no gushyira mu bikorwa ku buryo bwihuse ubundi buryo busimbura igifungo **(Ubuholandi)**;

6.35 Gukomeza kurushaho kunoza uburyo bw'imifungire y'imfungwa n'abagororwa harimo no gukemura ikibazo cy'ubucucuke **(Repubulika ya Koreya)**;

6.36 Gushyira mu bikorwa ingamba zihagije zo kwirinda kwiyahura mu magereza n'ahandi hafungirwa abantu **(Somaliya)**;

6.37 Gukomeza gushyira imbaraga mu kugabanya ubucucike mu magereza n'ahandi hafungirwa abantu no kurushaho kunoza inyubako n'ibikoresho byifashishwa **(Tuniziya)**;

6.38 Gukomeza intambwe yatewe mu guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'imfungwa n'abagororwa hitabwa cyane ku kunoza imibereho yabo mu magereza **(Maroke)**;

6.39 Kubahiriza ubwigenge bw'urwego rw'ubucamanza no kubahiriza uburenganzira bw'uregwa agahabwa ubutabera buboneye (**Ubufaransa**);

6.40 Gukomeza gushyiraho ingamba zigamije kunoza imikorere y'urwego rw'ubucamanza n'urw'abacungagereza (**Uburusiya**);

6.41 Gukomeza gushyiraho ibikorwa byo kwegereza abaturage harimo n'abafite ubumuga ibikorwa by'ubutabera bituma babona ubutabera buboneye kandi budahenze (**Malidive**);

6.42 Gukomeza gushyira imbaraga mu guha abaturage ubutabera no kurwanya ruswa (**Nijeriya**);

6.43 Guhuriza hamwe ubushobozi ku rwego rw'igihugu kugira ngo hatangwe ubutabera buboneye kandi kuri bose (**Rumaniya**);

6.44 Kubahiriza uburenganzira bw'abafungwa n'abagororwa bwo kunganirwa mu mategeko (**Somaliya**);

6.45 Gushyira imbaraga mu kurengera uburenganzira bw'abantu bose ku buzima no kwishyira ukizana hashimangirwa ubwigenge bw'inzego z'ubutabera no gukora ku buryo nta muntu uhamwa n'icyaha hashingiwe ku makuru yatanze ku gahato cyangwa yakorewe icyarubozo (**Leta Zunze Ubumwe z'Amerika**);

6.46 Gukomeza gukora amaperereza yimbitse kandi atabogamye ku bantu bapfira aho bafungiyeye, igihe polisi irimo kubafata ndetse no kuri sitasiyo ya polisi, kandi ababigizemo uruhare bose bagakurikiranwa mu butabera (**Fiji**);

6.47 Guteza imbere uburenganzira ku butabera buboneye ku bantu bavukijwe uburenganzira, guteza imbere ibikorwa byo kongerera ubushobozi abakora mu bijyanye n'ubutabera harimo abagenzacyaha, abashinjacyaha, abavoka n'abacamanza (**Repubulika ya Kiyisilamu ya Irani**) ;

6.48 Kongera imbaraga mu guhugura ku Burenganzira bwa muntu abashinzwe kubahiriza amategeko, abacamanza, abavoka no gufasha abakorewe ihohoterwa guhabwa ubutabera (**Burezili**);

6.49 Gukora ku buryo uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo by'umuntu, uburenganzira bw'itangazamakuru, uburenganzira bwo kwishyira hamwe n'abandi nta nkomyi hamwe no kurema inama mu ituze bishyirwa mu bikorwa nk'ukonbiteganywa n'itegeko nshingira ry'igihugu (**Kositarika**);

6.50 Kongerera imbaraga itangazamakuru riha urubuga ibitekerezo bitandukanye ibi no kurinda umutekano w'abanyamakuru n'abaharanira uburenganzira bwa muntu havugururwa amategeko agamije kubahiriza amahame mpuzamahanga ya demokarasi (**Czechia**);

6.51 Gushyira imbaraga mu ngamba zituma itangazamakuru ryigenga kandi abantu bose bagahabwa uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo byabo baba bishyize hamwe cyangwa umuntu ku giti cye (**Baribadosi**);

6.52 Kongera imbaraga mu gutuma abantu bahabwa uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo byabo, kurema inama mu ituze no kwishyira hamwe n'abandi nta nkomyi (**Gana**);

6.53 Kuvugurura ingingo z'amategeko zibangamira ubwisanzure bw'abantu bwo kugaragaza ibitekerezo no kurema inama, kwishyira hamwe n'abandi, no kurinda abanyamakuru na ba nyiribitangazamakuru itotezwa no guterwa ubwoba (**Ubutaliyani**);

6.54 Guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'abanyarwanda bwo kugaragaza ibitekerezo no kurema inama mu mutuzo (**Lativiya**);

6.55 Gukuraho ingingo zose z'amategeko zibangamira abantu mu kugaragaza ibitekerezo byabo no kurinda abanyamakuru itotezwa no guterwa ubwoba (**Lituwaniya**);

6.56 Kurushaho gusobanurira abaturage politiki y'itangazamakuru, andi mategeko n'amabwiriza atandukanye agamije kwagura ubwisanzure bw'itangazamakuru (**Malidive**);

6.57 Gukomeza gushyira mu bikorwa amavugurura agamije kwagura uburenganzira bw'itangazamakuru no gushyiraho itangazamakuru abaturage ku isonga kugira ngo abantu bose bagire uburenganzira n'ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo **(Repubulika ya Koreya)**;

6.58 Kongera imbaraga mu byerekeye amategeko kugira ngo hubahirizwe uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo, kurema inama no kwishyira hamwe n'abandi **(Romaniya)**;

6.59 Kongera imbaraga mu gutuma abaturage bagira uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo harimo no kubaha uburenganzira bwo kugera ku binyamakuru bitandukanye **(Sudani)**;

6.60 Kubahiriza uburenganzira bwa buri wese bwo guteranira hamwe, kwishyira hamwe n'abandi no kugaragaza ibitekerezo bitandukanye n'ibyabandi **(Suwede)**;

6.61 Guteza imbere ubwisanzure bw'itangazamakuru na sosiyete sivile byigenga, hashyirwaho amategeko agenga sosiyete sivile n'itangazamakuru mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira bwa muntu bwo kugaragaza ibitekerezo bye nk'uko biteganywa mu ngingo ya 19 y'Amasezerano mpuzahanga ku burenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki **(Ubusuwisi)**;

6.62 Kurindanogutuma abanyamakuru bakorabisanzuye, ntabwoba bwo guhanwa kandi abayobozi b'igihugu bakubahiriza itegeko ryo gutanga amakuru **(Ibihugu bigize ubwami bw'Ubwongereza na Irilande y'Amajyaruguru)**;

6.63 Kubahiriza Uburenganzira busesuye bwo kwishyira hamwe n'abandi **(Esipanye)**;

6.64 Kongerera imbaraga sosiyete sivile **(Kameruni)**;

6.65 Kuvugurura ibisabwa mu bijyanye no kwandika imiryango imiryango Nyarwanda itari iya Leta n'imiryango

mvamahanga itari iya Leta mu rwego rwo kugabanya inzira ndende y'icyo gikorwa **(Canada)**;

6.66 Kongera imbaraga mu kurwanya icuruzwa ry'abantu kandi abakorera abagore n'abana ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ababacuruza bagakurikiranwa kandi bakabihanirwa **(Misiri)**;

6.67 Gushyira imbaraga mu ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko ahana icuruzwa ry'abantu kandi hagashyirwaho ingamba zishyira ku isonga uwakorewe icyaha **(Filipine)**;

6.68 Gukomeza gushyira imbaraga mu kurwanya icuruzwa ry'abantu hitabwa cyane cyane ku guhugura abasirikare n'abandi bashinzwe gushyira mu bikorwa amategeko **(Burkina Faso)**;

6.69 Gushyiraho ingamba zo kubahiriza amategeko agamije kurwanya icuruzwa ry'abantu hongererwa ubushobozi inzego zishinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko **(Somaliya)**;

6.70 Kongera imbaraga mu gukumira icuruzwa ry'abana no gukurikiranana mu butabera no guhana abakora icyo cyaha **(Uganda)**;

6.71 Gukomeza kubakira ku byagezweho hashyirwaho uburyo bwo kumenya abana bakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu no kubaha ubuvuzi bukwiye n'ubufasha mu buzima bwo mu mutwe **(Fiji)**;

6.72 Gukomeza gushyira imbaraga mu kugaragaza, gukurikiranana no gusubiza mu buzima busanzwe abana bakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu n'abakoreshejwe imirimo ivunanye **(Turukiya)**;

6.73 Gukomeza gushyira mu bikorwa ingamba zafashwe mu guhanga umurimo zigamije kongera umubare w'ababona akazi mu rubyiruko hifashishijwe ubufatanye mpuzamahanga mu kongerera urubyiruko ubushobozi baruhugura mu bijyanye n'ubumenyingingiro **(Indoneziya)**;

6.74 Gushimangirae iterambere rirambye mu bukungu no mu mibereho hagamijwe kwihutisha kugabanya ubukene no kuzamura imibereho myiza y'abaturage (**Ubushinwa**);

6.75 Gukomeza gushyira mu bikorwa no gushimangira gahunda z'ibikorwa zatanze umusaruro na porogamu zo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage hibandwa cyane cyane ku burezi, ubuzima n'imirire (**Repubulika ya Boliviya muri Venezuwela**);

6.76 Kumenyeshya ku gihe abaturage bazimurwa kubera inyungu rusange, kubaha ingurane ijyanye n'imitungo yabo nkuko biteganywa n'itegeko rijyanye nokwimura abantu ku bw'inyungu rusange ndetse n'itegeko ry'ubutaka (**Ubusuwisi**);

6.77 Kongera umubare w'abatuzwa neza, kugeza ku baturage amazi meza n'ibikorwa remezo by'isuku n'isukura (**Ukraine**);

6.78 Gukomeza gushyiraho za politiki n'ibikorwa byo kurwanya ubukene ku buryo burambye hitabwa cyane cyane ku duce tw'icyaro (**Hayiti**);

6.79 Gushimangira gahunda yo kurwanya ubukene hagamijwe kurushaho kunoza no kongera ibikorwa byo kwita ku mibereho myiza y'abaturage na gahunda zo kurandura ubukene mu miryango itandukanye, cyane cyane abagore nobantu bafite ubumuga (**Botswana**);

6.80 Gukomeza gushyira imbaraga mu bikorwa byashingirwaho mu kurandura inzara no kwihaza mu biribwa (**Libiya**);

6.81 Gushyiraho ingamba zo kurwanya ubukene bukabije (**Miyamari**);

6.82 Gushyiraho ibikorwa byo kurwanya ubukene kuri bose, bishingiyekuihamery'uburinganiren'ubwuzuzanyehagatiy'abagore n'abagabo kandi bishingiye ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa Muntu (**Filipine**);

6.83 Gushyiraho gahunda zo guteza imbere imibereho myiza no kurwanya ubukene kandi zikita ku buryo buhagije ku kuzamura imibereho y’abantu bafite ubumuga (**Senegali**);

6.84 Guteza imbere urwego rw’ubuvuzi hagamijwe kurushaho kubungabunga uburenganzira bw’abaturage mu (**Ubushinwa**);

6.85 Gukomeza ingamba zo kurwanya imirire mibi cyane cyane igwingira mu bana (**Ubudage**) ;

6.86 Gukomeza ingamba za Leta hagamijwe kunoza serivisi z’ubuvuzi (**Omani**);

6.87 Kurinda no kubahiriza uburenganzira bw’abaturage ku buzima bukwiye, begerezwa serivisi z’ubuvuzi kandi banahugurwa ku buzima bw’imyorokere (**Uruguay**);

6.88 Guha agaciro uruhare rw’abakora mu buvuzi n’abakora imirimo y’ibanze mu kurengera uburenganzira bwa muntu mu gihe cy’icyorezo cya COVID-19 no kubaha uburyo butuma bakora batekanye aho bakora nta kibatera ubwoba cyangwa ngo kibahungabanye (**Indoneziya**);

6.89 Gukora ubukangurambaga bwagutse mu gukangurira abagore akamaro ko kwipimisha batwite (**Bahamasi**);

6.90 Kubahiriza ko abagore n’abakobwa babona uburenganzira ku buzima bw’imyorokere no kuborohereza kubugiraho ubumenyi bukwiye (**Ubufaransa**);

6.91 Kugabanya umubare w’ababyeyi bapfa babyara no gukomeza gufata ubuzima bwa muntu mu bumwe bw’indatana bugizwe n’ubuzima bwo mu mutwe, umubiri na Roho (**Vatikani**);

6.92 Gushyira mu bikorwa ibyo biyemeje mu nama mpuzamahanga ku baturage n’iterambere yabereye i Nairobi ( ICPD 25) hagamijwe kurushaho kunoza uburyo bwo kuboneza urubyaro, kunoza imitangire ya serivisi no kongera umubare w’abayihabwa, binyuze

mu kongera umubare w'amavuriro, abatanga serivisi bafite ubumenyi n'ubushobozi buhagije ndetse no kwagura uburyo buhari bwo kuboneza urubyaro byihutirwa **(Islande)**;

6.93 Kongera imbaraga mu kugabanya umubare w'abana bapfa bavuka cyane cyane hitabwa mu kuzamura ireme rya serivise no kubona abavuzi bahagije kandi mu mavuriro yose **(Burkina Faso)**;

6.94 Kwihutisha kugeza amazi meza mu mashuri cyane cyane mu mashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye **(Bahamasi)**;

6.95 Gushyira mu bikorwa gahunda yo gushimangira ibikorwa byo kugaburira abana ku ishuri hagamijwe kugabanya umubare w'abanyeshuri bafite ikibazo cy'imirire mibi **(Bahamasi)**;

6.96 Gukomeza kongera ibikorwaremezo, ingengo y'imari n'abakozi bo mu burezi kugira ngo hashyirwe mu bikorwa icyemezo cy'uburezi bufite ireme kuri bose, nta kiguzi kandi bwita kuri bose **(Kiba)**;

6.97 Kongera umubare w'abajya mu mashuri **(Shipre)**;

6.98 Kongera umubare w'abarimu bafite ubumenyi mukwigisha mu Cyongereza mu mashuri no kongera umubare w'abanyeshuri mu mashuri yisumbuye **(Isiraheli)** ;

6.99 Gukora ku buryo urwego rw'uburezi rudaheza, cyane cyane abafite ubumuga **(Isiraheli)**;

6.100 Kongera imbaraga mu kugeza uburezi kuri bose cyane cyane ku bakobwa mu mashuri yisumbuye **(Kenya)**;

6.101 Kongera imbaraga mu kuzamura ireme ry'uburezi no kugeza ku bana bose uburezi bw'amashuri yisumbuye nta kiguzi (Lithuwaniya);

6.102 Kugeza ku baturage bose uburezi bufite ireme nk'uko biteganywa mu ntego ya 4 ya gahunda y'iterambere rirambye **(Ibirwa bya Morise)**;

6.103 Gushyira isomo ry'Uburenganzira bwa Muntu mu nteganyanyigisho z'amashuri no muri gahunda z'amahugurwa agenerwa abarimu **(Mozambique)**;

6.104 Gukomeza ibikorwa bigamije guha abana bose uburezi kuri bose nta kiguzi kandi bufite ireme **(Miyanimari)**;

6.105 Gushyira imbaraga mu gukomeza kunoza ireme ry'uburezi kandi bikubahirizwa n'ababugiramo uruhare bose **(Omani)**;

6.106 Gushyira imbaraga mu kugeza uburezi kuri bose nta kiguzi kandi bufite ireme no kongera umubare w'amashuri mu gihugu hose **(Katari)**;

6.107 Kongera ibikorwa remezo bijyanye n'uburezi ku baturage batuye mu cyaro **(Turukiya)**;

6.108 Gukomeza kongera imbaraga mu gutuma abantu barushaho kugira uburenganzira mu bijyanye n'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, cyane cyane uburenganzira ku burezi no kunoza ireme ry'uburezi **(Alijeriya)**;

6.109 Gukoresha uburyo buhari bwo kwishakamo ibisubizo mu kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo no guteza umugore imbere **(Etiyopiya)**;

6.110 Gukomeza guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugore n'umugabo no gushyiraho ibikorwa byongerera ubushobozi umugore **(Kenya)**;

6.111 Kwihutisha ishyingiraho ry'imicungire y'amakuru ajyane ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye no kunoza imitangire ya raporo **(Kenya)**;

6.112 Gukomeza gushyira imbaraga mu byo u Rwanda rwiyejeje no gushimangira ingamba zituma ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore bugerwaho no kubaka ubushobozi bw'umugore **(Miyanimari)**;

6.113 Gushyiraho no gushyira mu bikorwa politiki zihariye kandi zigahabwa abakozi n'ingengo y'imari ihagije mu rwego rwo guteza imbere no guha ubushobozi abakobwa n'abagore bafite ubumuga **(Bulugariya)**;

6.114 Gukomeza gushyira imbaraga mu kubaka ubushobozi bw'umugore no gushyira isomo ry'uburenganzira bwa muntu mu nteganyanyigisho z'amashuri **( Pakisitani)**;

6.115 Gukomeza ingamba zo kongerera agaciro umugore muri sosiyete cyane cyane mu duce tw'icyaro **(Seribiya)**;

6.116 Bitewe n'ingaruka zidasanzwe icyorezo cya COVID-19 cyagize by'umwihariko ku bagore, ni ngombwa kwita kuri iki kibazo mu gihe cyo kuvugurura Politiki y'igihugu y'Uburunganire n'Ubwuzuzanye no gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa byayo kugira ngo hashyirweho politiki nziza zubakira ku bimaze kugerwaho **(Singapore)**;

6.117 Gukomeza kongera intambwe iganisha ku kugera ku ihame ry'uburunganire n'ubwuzuzanye no kubaka ubushobozi bw'umugore **(Kameruni)**;

6.118 Kongera imbaraga mu byagezewehon hagamiye kwimakaza uburunganire n'ubwuzuzanye, kubaka ubushobozi bw'abagore no kongera umubare w'abagore mu nzego zifata ibyemezo **(Tuniziya)**;

6.119 Gushyigikira umuhate w'abaturage mu bikorwa bigeza abagore ku burenganzira bwabo nk'uko biteganywa n'amategeko y'igihugu **(Uganda)**;

6.120 Gukomeza gushyira imbaraga mu kurushaho kwimakaza ihame ry'uburunganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugore n'umugabo mu gihugu hose harimo kubaka ubushobozi bw'umugore mu nzego zose **(Azeribayija)**;

6.121 Kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa umugore harimo ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irishingiye ku gitsina (Chili);

6.122 Gushimangira ingamba zo kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore (**Croatia**);

6.123 Gukomeza kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore harimo ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina (**Jibuti**);

6.124 Kurandura burundu ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore n'abakobwa cyane cyane ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gukomeza guhugura aboherezwa mu butumwa bw'amahoro gusobanukirwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu bihe by'intambara, gukora iperereza ku byaha byose bijyana na ryo no guha ubutabera abagore ndetse no kugeza abakoze ibyaha imbere y'ubutabera (**Finilande**);

6.125 Kongera imbaraga mu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore (**Jeworujija**);

6.126 Kongera imbaraga mu kurwanya byimazeyo ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, harimo ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irishingiye ku mibonano mpuzabitsina (**Isilande**);

6.127 Gukomeza kongera imbaraga mu kurwanya ihohoterwa iryo ariryo ryose rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, harimo ihohoterwa rikorerwa mu ngo ndetse n'irikorerwa ku gitsina (**Ubuhande**);

6.128 Kongera imbaraga mu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore (**Iraki**);

6.129 Gushyira imbere uburyo bunoze bwo gutanga amakuru ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gukoresha ibidakwiye abagore n'abakobwa (**Botswana**);

6.130 Gushimangira ingamba zo gukuraho ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abangavu n'abagore (**Lesoto**);

6.131 Kongera imbaraga mu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, harimo n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irikorerwa ku gitsina (**Lituwaniya**);

6.132 Kongera imbaraga mu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, harimo ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irikorerwa ku gitsina (**Namibiya**);

6.133 Kongera ingufu mu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, harimo n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irishingiye ku mibonano mpuzabitsina (**Nepali**);

6.134 Kugenzura ko amategeko arwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina yubahirizwa, no gukora iperereza, gukurikirana no kwamagana abakora ihohoterwa rishingiye ku gitsina (**Noruveje**);

6.135 Gukomeza gushyira imbaraga mu gushimangira amategeko arwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, harimo n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irikorerwa ku gitsina (**Repubulika ya Koreya**);

6.136 Kongera imbaraga mu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, harimo ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'ihohoterwa rikorerwa ku gitsina (**Siyaera Lewone**);

6.137 Gushyira mu bikorwa Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kuba ibigo birwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina bitihanganira uwakora icyo cyaha (**Suwede**);

6.138 Gushyira imbaraga mu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, harimo ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irikorerwa ku gitsina (**Ukerene**);

6.139 Kongera imbaraga mu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, harimo ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irikorerwaku gitsina (**Zambiya**);

6.140 Gukomeza kurwanya ivangura n'ihohoterwa rikorerwa abagore, nk'ihohoterwa rikorerwa mu ngo **(Maroke)**;

6.141 Gukomeza gushaka ingengo y'imari n'ubundi buryo bukenewe mu guteza imbere no kurengera abana, cyane cyane abakennye kurusha abandi **(Barubadosi)**;

6.142 Gushyiraho ingamba zihagije zo guhangana n'ikibazo cy'abana benshi batawe, hashingiwe ku ihame ryo kurengera inyungu z'umwana ndetse no gukuraho impamvu nyamukuru z'iki kibazo **(Vatikani)**;

6.143 Gukomeza gutera intambwe mu gushimangira amategeko arengera abana n'uburenganzira bwabo **(Ubuhande)**;

6.144 Gukemura neza ikibazo cy'abangavu baterwa inda, imirimo mibi ikoreshwa abana no kuba abana bafite ubumuga badafite uburyo buborohera kuja mu nyubako no kubona ibikoresho by'ishuri ndetse no kubashyira mu buzima bwiza **(Repubulika ya Kiyisilamu ya Irani)**;

6.145 Kongera ibikorwa byo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana **(Iraki)**;

6.146 Kongera imbaraga mu guteza imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abana no kurwanya imirimo ikoreshwa abana ndetse n'irindi hohotera iryo ariryo ryose ndetse no gushakira indoke ku bana **(Ubutariyani)**.

6.147 Kongera imbaraga mu kurandura imirimo ikoreshwa abana **(Maleziya)**;

6.148 Korohereza abana bakomoka mu miryango itifashije kubona uburezi na serivise mbonezamubano harimo abana bafite ubumuga, abana baba mu mihanda, abana bahuye n'ingaruka z'agakoko gatera SIDA, abana babayeho mubukene cyangwa imiryango iyoborwa n'abana, n'abana bakomoka mu miryango yasigajwe inyuma n'amateka harimo n'Abatwa **(Burgaria)**;

6.149 Kongera imbaraga mu kurengera no gufasha abana baba mu mihanda hongererwa imbaraga serivise z'lkigo cy'igihugu ngororamucyo, no kubatoza imyitwarire myiza ndetse kubaha uburezi n'ubumenyingiro **(Qatar)**

6.150 Gushyiraho ingamba zo kurengera ubusugire bw'abantu bafite ubumuga aho babarizwa hose harimo no gukumira kubahatira kwivuzza no kwifungisha **(Croatia)**;

6.151 Kongerera imbaraga inzego z'igihugu zishinzwe kubahiriza uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga no kubafasha kugira uruhare rusesuye aho batuye **(Djibuti)**.

6.152 Guha abantu bafite ubumuga cyane cyane abana uburenganzira ku burezi budaheza, bufite ireme na serivise z'ubuvuzi, bashyirirwaho ibikorwa remezo bibafasha kwinjira mu nyubako ndetse no kubaha abarimu babyigiye n'ababigize umwuga kugira ngo babashe kubaha ubufasha buri wese akeneye **(Finilande)**;

6.153 Kongera ingamba zo kurengera uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga no gukemura ihohotera ryo mu ngo rikorerwa abagore n'abana **(Islamic Republic of Iran)**;

6.154 Gukomeza gushyiraho ingamba zo kurengera uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga harimo n'abafite ubumuga rw'uruhu **(Nepal)**;

6.155 Gukora ubukangurambaga burebana n'ingingo z'ingenzi ziri mu lteka rya Minisitiri (No. 007/2016) no muri Politike y'uburezi budaheza kandi bwita kubafite ibibazo byihariye mu bafatanyabikorwa b'ingenzi harimo abafite ubumuga kugira ngo bizashyirwe mu bikorwa ku buryo buzana impinduka **(Singapore)**;

6.156 Gufata ingamba zikenewe mu rwego rwo gukumira no gukemura ivangura iryo ari ryose rishingiye ku bumuga **(Zambia)**;

6.157 Kongera imbaraga mu kubungabunga uburenganzira bw'abimukira n'impunzi (**Barbados**);

6.158 Gukomeza kongera imbaraga mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'impunzi cyane cyane uburenganzira ku mirire, uburezi no guhabwa amazi meza yo kunywa (**Lesotho**);

6.159 Gukora kuburyo ibigo byakira impunzi n'abana basaba ubuhungiro bisubiza ibibazo bafite kandi abana badafite ababitaho cyangwa batandukanye n'ababyeyi bafashwe guhabwa ubuhunzi nk'uko biteganywa n'amategeko no gukora iperereza ku birebana na raporo zivuga kubana baburiwe irengero aho baba bari mu nkambi z'impunzi, cyane cyane abangavu (**Mexico**);

6.160 Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo kurandura kubaho umuntu adafite ubwenegihugu (**Angola**).

**7. Imyanzuro ikurikira izasuzumwa n'u Rwanda runayitangeho ibisubizo mu gihe gikwiye, ariko bitarenze igihe inteke ya 47 y'Akanama Gashinzwe uburenganzira bw'ikiremwa Muntu izabera.**

7.1 Gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga ku byerekeye uburenganzira mbonezamubano na politike, amasezerano arwanya iyicarubozo n'ubundi buryo bubabaza umubiri cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamanswa kandi bigamije gutesha umuntu agaciro cyangwa kumuhana, kwemeza amasezerano mpuzamahanga agamije kurandura ivangura iryo ariryo ryose rishingiye ku ibara ry'uruhu, kwemeza amasezerano mpuzamahanga ku ibura ry'abantua, ndetse n'amasezerano mpuzamahanga ashyiraho Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (**Austria**);

7.2 Gushyira umukono Amasezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Portugal**);

7.3 Gushyira umukono ku Masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry' abantu n'Amasezerano y'i Roma ashiraho Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (**Costa Rica**);

7.4 Kwemera kugengwa n'amasezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu, nk'amwe mu masezerano Mpuzamahanga arengera uburenganzira bw'ikiremamuntu asigaye(**Czechia**);

7.5 Gusozwa igikorwa cyo kwemeza amasezerano mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Democratic Republic of the Congo**);

7.6 Kwemeza Amasezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantun'Amasezerano y'I Roma ashiraho Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (**Ubufaransa**);

7.7 Kwemeza Amasezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Ubudage**);

7.8 Gushyira umukono no kwemeza Amasezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Honduras**);

7.9 Kwihutira gushyira umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu(**Ubuyapani**);

7.10 Gushyira umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu no gushyira mu bikorwa politike zikumira ubu bugizi bwa nabi (**Brazil**);

7.11 Kwemeza no gushyira umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu mu rwego rwo kubahiriza ibipimo mpuzamahanga birebana n'ibyifuzonama bibiri byari byatanzwe (**Ubuholandi**);

7.12 Gusuzuma niba hashyirwa umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Romaniya**);

7.13 Gusuzuma niba hashyirwa umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Senegali**);

7.14 Gushyira umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Switzerland**);

7.15 Gushyira umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Togo**);

7.16 Gushyira umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu; amasezerano y'inyongera kumasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'abana arebana n'uburyo bwo gutanga ikirego imbere ya Komite ishinzwe iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana n'amasezerano y'inyongera ku masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mbonezamubano na politike (**Ukraine**);

7.17 Gusuzuma niba hashyirwa umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu nk'uko byemejwe n'igihugu mu isuzuma riheruka (**Argentina**);

7.18 Kwemera gushyira umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu (**Armenia**);

7.19 Gufata ingamba zigamije kurandura ibirego byose birebana n'abantu baburiwe irengero no gukora kuburyo ibirego byose by'abantu baburiwe irengero bikorerwa iperereza ritabogamyeye kandi ababikoze bakagezwa mu butabera (**Australia**);

7.20 Gushyira umukono ku masezerano y'iRoma ashyiraho Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (**Honduras**);

7.21 Gushyira umukono ku masezerano y'iRoma ashyiraho Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (**Lithuania**);

7.22 Gushyira umukono ku masezerano y'iRoma ashyiraho Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (**Mexico**);

7.23 Kwemerera abasabye gusura igihugu mu buryo budasanze bagitegereje (**Costa Rica**);

7.24 Gukorana n'agakomite gashinzwe gukumira iyicarubozo no korohereza abashaka gusura igihugu mu minsi ya vuba (**Ubudage**);

7.25 Gutanga uburenganzira kuri Akanamaa ishinzwe gukumira iyicarubozo n'ibikorwa cyangwa ibihano by'ubugome bigamije gutesha umuntu agaciro no kwemerera ubusabe bwo gusura ahantu hose hafungiwe abantu hitabwa ku ihame ry'ibanga mu kazi ndetse no kuba hatabaho ibikorwa byo kwihimura ku batanze amakuru (**Portugali**);

7.26 Gukora ku buryo Akanama gashinzwe gukumira iyicarubozo kabasha gusura u Rwanda (**Canada**);

7.27 Gufatanya ku buryo bwuzuye n'Akanama gashinzwe gukumira iyicarubozo n'ibikorwa cyangwa ibihano by'ubugome n'ibyakinamanswa bitesha umuntu agaciro mu rwego rwo korohereza ko igihugu gisurwa mu gihe cya vuba (**Argentina**);

7.28 Kongera kushimangira itangazo ry'u Rwanda riheruka nkuko biteganijwe n'ingingo ya 24(6) y'Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage mu rwego rwo kwemerera imiryango itari iya leta gutanga ibirego mu rukiko nyafurika rw'uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage (**Australia**);

7.29 Guhana iyinjizwa ry'abana mu gisirikare cy'igihugu cyangwa mu mitwe yitwaje intwaro ku ngufunk'icyaha cy'ubugome (**Paraguay**);

7.30 Kwinjiza abana mu gisirikare cy'igihugu cyangwa mu mitwe yitwaje intwaro ku ngufu bigomba gufatwa nk'icyaha cy'ubugome (**Timor-Leste**);

7.31 Kwinjiza abana mu gisirikare cy'igihugu cyangwa mu mitwe yitwaje intwaro ku ngufu bigomba gufatwa nk'icyaha cy'ubugome (**Montenegro**);

7.32 Kongera mu ngingo ya 6 y'itegeko nshinga ko ivangura ryose rishingiye ku mikoreshereze y'igitsina ari icyaha (**Ububiligi**);

7.33 Gukora amaperereza anyuze mu mucyo, yizewe kandi yigenga ku byerekeye ibirego by'ubwicanyi bikorwa hirengagijwe amategeko, n'imfu zo muri gereza, kurigisa abantu, iyicarubozo no kugeza mu

butabera abakekwaho ibyo byaha (**United Kingdom of Great Britain and Northern Ireland**);

7.34 Gukora iperereza ryigenga kandi ritabogamyeye ku byerekeye ibirego byose bivugwamo kwica amategeko hakubiyemo ubwicanyi no kurigisa abantu no kugeza mu butabera abakurikiranyweho byo byaha (**Roumaniya**);

7.35 Gukora amaperereza yigenga ku byerekeye kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremhamuntu hakubiyemo kurigisa abantu, gufungwa igihe kirekire kandi binyunyije n'amategeko, kwica abantu hirengagijwe amategeko, iyicarubozo n'ibikorwa bibi bikorerwa abafungiyeye muri za kasho no gukurikirana abakekwaho gukora ibyo byaha (**Esipanye**);

7.36 Gukora amaperereza yubahirije amategeko, atabogamyeye kandi agaragaza ukuri ku byerekeye ibirego byo gufatwa no gufungwa binyuranyije n'amategeko, kwica abantu hirengagijwe amategeko abarengera hakubiyemo abarigishijwe (**Suwede**);

7.37 Gukora iperereza ryigenga kandi mu mucyo ku byerekeye ibirego byo gufatwa, gufungwa, kwicwa binyuranyije n'amategeko no kuburirwa irengero ku abaharanira uburenganzira bw'ikiremhamuntu, abatavuga rumwe n'ubutegetsi n'amanyamakuru, no kugeza mu butabera abakekwaho gukora ibyo byaha nk'uko biteganywa n'amategeko (**United States of America**);

7.38 Gukomeza kugira uruhare no gukorana n'abakurikirana ibirego biri mu rukiko Nyafurika rw'Uburere bw'uburenganzira bw'ikiremhamuntu n'ubw'abaturage (**Malta**);

7.39 Gukomeza gahunda yo guteza imbere ubwihanganirane bw'amadini hitabwa ku madini ya ba nyakamuke aho bakorera **(Malta)** ;

7.40 Kuvugurura ingingo ya 96 y'Igitabo cy'amategeko ahana ku byerekeye guhembera ingengabitekerezo ya jenocide kugira ngo ihuzwe n'ibipimo mpuzamahanga birebana n'ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo **(Slovenia)**;

7.41 Guteza imbere uburenganzira bwo kwisanzura mu gutanga ibitekerezo hakurwaho ifungwa n'itotezwa ry'abanyamakuru na sosiyete sivile kubera ko batanze amakuru **(United States of America)**;

7.42 Gusuzuma uko havugururwa ibisabwa mu iyandikwa ry'imiryango Nyarwanda itari iya Leta n'imiryango mvamahanga itari iya Leta hagamijwe koroshya uburyo bwo kwiandikisha **(Malta)**;

7.43 Kuvugurura "Itegeko No. 04/2012 n'itegeko No. 05/2012, ku bufatanye na sosiyete sivile mu rwego rwo kuvanaho imbogamizi zisanzwe zibangamira kwiandikisha mu mategeko **(Uruguay)**;

7.44 Gukora iperereza ricukumbuye, ritabogamye kandi ryigenga ku byerekeye raporo zirebana n'itoteza no kwibasira abaharanira uburenganzira bw'ikiremnamuntu n'abanyamakuru no kugeza mu butabera abakekwaho gukora ibyo byaha **(Ireland)**;

7.45 Gufata ingamba zigamije kurengera abahanira uburenganzira bw'ikiremnamuntu n'abanyamakuru kugira ngo barindwe itotezwa no kwibasirwa no gukora ku buryo hakorwa iperereza ryigenga kandi ryizewe ku birebana n'ibyaha byose byakozwe ndetse no kugeza mu butabera abakekwaho gukora ibyo byaha **(Austria)**;

7.46 Gusuzuma, kumenya no gutanga ubufasha ku bahuye n'ibibazo by'icuruzwa ry'abantu, harimo n'abafungiyeye mu bigo ngororamuco bya Leta **(United Kingdom of Great Britain and Northern Ireland)**;

7.47 Gufata ingamba zirebana n'amategeko n'imiyoborere mu rwego rwo gukumira, kugeza mu butabera abakekwaho ibyaha no kurandura umuco wo gushora abana mu bikorwa by'uburaya harimo n'ubukerarugendo (**Chad**);

7.48 Gufata ingamba zikenewe mu rwego rwo gukumira, kuburanisha no kurandura ibikorwa byose bishora abana mu buraya harimo n'urwego rw'ubukerarugendo (**Chile**);

7.49 Kongera imbaraga mu gushyira mu bikorwa amategeko arebana no gukumira ishyingirwa ry'abana (**Namibia**).

## 8. Ibyifuzonama byatanzwe mu biganiro hanyuma u Rwanda rurabisuzuma ruvuga ko ntacyo rwabivugaho:

8.1 Kwemeza amasezerano mpuzamahanga y'ingenzi arebana n'uburenganzira bw'ikiremwa muntu ataremezwa kugira ngo habashe gutera intambwe ku birebana n'intego za gahunda y'iterambere rirambye 5,11,13 n'ya 16 (**Paraguay**);

8.2 Gushyira umukono ku masezerano y'inyongera ku masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana mu byerekeye gutanga ikirego imbere y'akanama gashinzwe iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana ndetse n'amasezerano y'inyongera ku masezerano mpuzamahanga mu byerekeye uburenganzira mbonezamubano na politike (**Cyprus**);

8.3 Gushyira umukono ku masezerano y'inyongera ku masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana mu byerekeye gutanga ikirego imbere y'akanama gashinzwe iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana ndetse n'amasezerano y'inyongera ku masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, mbonezamubano n'umuco hashingiwe ku bibazo byagaragajwe mbere (**Portugali**);

8.4 Gushyira umukono ku masezerano y'inyongera ku masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mbonezamubano na politike (**Togo**);

8.5 Gusuzuma ko bishoboka gushyira umukono ku masezerano Mpuzamahanga ku ibura ry'abantu **(Chili)**;

8.6 Gushyira umukono ku masezerano arebana no kubuza abantu gucura intwara za kirimbuzi **(Hondurasi)**;

8.7 Gushyira umukono ku masezerano 189 y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo yerekeye abakozi bo mu rugo mu rwego rwo guteza imbere intego za gahunda y'iterambere rirambye 5.4,8 niya 16 **(Paraguay)**;

8.8 Gushyira umukono kumasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu bukungu, mbonezamubano n'umuco hashingiwe ku bibazo byagaragajwe mbere **(Togo)**;

8.9 Gukomeza ibikorwa bigamije kuvugurura amategeko y'igihugu ahuzwa n'amasezerano mpuzamahanga igihugu cyashyizehoho umukono mbere y'ivugururwa ry'itegeko Nshinga ryo mu mwaka wa 2015 **(Ubuhande)**;

8.10 Kwihutisha itorwa ry'itegeko ryerekeye icuruzwa ry'abantu **(Timor-Leste)**;

8.11 Gushyiraho urwego ruhoraho rw'igihugu rushinzwe gushyira mubikorwa, gukora raporo no gukurikirana ibyifuzonama byerekeye uburenganzira bw'ikiremamuntu no gusuzuma niba byashoboka ko hemerwa ubufatanye muri iki gikorwa muri gahunda y'intego z'iterambere rirambye 16 na 17 **(Paraguay)**;

8.12 Gukora ku buryo hashyirwaho itegeko rizashyirwa mu bikorwa ku byerekeye kurengera uburenganzira bw'abantu batishoboye cyane cyane abana n'abantu bafite ubumuga, abakuze ndetse na banyamuke **(Uburusiya)**;

8.13 Gushyiraho amategeko arwanya ivangura muri rusange ndetse akanakemura ibibazo birebana n'ivangura riziguye n'iritaziguye kandi akagaragaza ibintu bibujijwe bitandukanye bishobora guhembera ivangura, harimo ivangura ku buryo bwo gukora imibonano mpuzabitsina **(Iceland)**;

8.14 Kwemeza no guhuza ku buryo bwuzuye amategeko y'igihugu n'ibisabwa biri mu masezerano y'I Roma yerekeye Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha, nk'uko byasabwe ubuheruka **(Latvia)**;

8.15 Gushyiraho iteka rigena ibyaha n'ibihano muri rusange no kurishyira mu bikorwa **(Mali)**;

8.16 Gushyiraho itegeko rirengera abantu bafite ubumuga **(Montenegro)**;

8.17 Kuvanaho ingingo z'amategeko zose zigaragaramo ivangura rikorerwa abagore no gushyiraho amategeko arwanya ivangura; kongera imbaraga mu bukangurambaga burebana n'amategeko ahari no kurwanya imyumvire n'imyitwarire idafite ishingiro ishobora guhembera ibikorwa by'ivangura rikorerwa abagore **(Portugal)**;

8.18 Kurengera ababana bahuje ibitsina kugira ngo badakorerwa ivangura, itotezwa no gufungwa binyuranyije n'amategeko **(France)**;

8.19 Gusuzuma uko hakorwa iperereza ku birego byerekeye abantu bishwe cyangwa bafunzwe batagejewe imbere y'ubutabera n'ababuriwe irengero **(Sierra Leone)**;

8.20 Gukora iperereza ryigenga ku byerekeye ibirego byerekeye inzego z'umutekano zikoresha imbaraga z'umurengera ndetse n'ubwicanyi bukorwa hirengagijwe amategeko no kurigisa abantu mu rwego kugeza abakekwaho ibyo byaha mu butabera **(Switzerland)**;

8.21 Gufata ingamba zose mu kurwanya umuco wo kudahana ibyaha byerekeye kurigisa no gucuruza abantu **(Ukraine)**;

8.22 Gufata ingamba zikwiye mu rwego rwo kumenya ko ibyaha byose byamenyekanye byerekeye icyarubozo, kurigisa abantu no gufunga binyuranyije n'amategeko bikorwaho iperereza no

kwemeza amasezerano mpuzamahanga ku ibura ry'abantu **(Ubutaliyani)**;

8.23 Kwemerera iperereza ryiigenga ku byaha byerekeye itotezwa n'ibindi byaha bikorerwa ahafungirwa abantu **(Norvege)**;

8.24 Kurengera amatsinda y'abahejwe- harimo abafite ubumuga, abana baba mu mihanda n'ababana bahuje ibitsina- kugira ngo inzego zishinzwe umutekano zitabafunga cyangwa ngo zibakore ibindi bikorwa bibi binyuranyije n'amategeko **(Ubudage)**;

8.25 Kurushaho gukorera mu mucyo kw'inzego z'ubutabera no gushyiraho iperereza ryigenga ku birego byerekeye ubwicanyi bunyuranyije n'amategeko, ifungwa n'impfu zabereye muri gereza ndetse n'ifungwa rinyuranyije n'amategeko **(Australiya)**;

8.26 Kurwanya umuco wo kudahana icyaha cyo kurigisa abantu **(Cote d'Ivoire)**;

8.27 Gukora iperereza ku byaha byerekeye ifunga rinyuranyije n'amategeko, gufungira abantu ahantu hatemewe n'amategeko no kwica abantu ababikoze ntibakurikiranwe **(Cyprus)**;

8.28 Gutanga no kurengera uburenganzira ku byerekeye amadini cyangwa imyemerere mu Rwanda no gukora ku buryo ba nyamuke mu byerekeye amadini bafatwa kimwe n'abandi kandi bagahabwa uburenganzira bwabo n'umudendezo shingiro **(Ghana)**;

8.29 Guteza imbere umudendezo w'itangazamakuru hashyirwaho amategeko afasha Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura **(Ubudage)**;

8.30 Guteza imbere ubwisanzure bwo gutanga ibitekerezo nk'uko bitanganywa n'itegeko nshinga ry'uRwanda n'amategeko mpuzamahanga cyane cyane hashyirwaho amategeko ateza imbere ubwigenge bw'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura **(Ububiligi)** ;

8.31 Kurengera no kubahiriza ubwisanzure bwo gutanga ibitekerezo no guhurira hamwe muri benshi mu ituze binyuze mukubaha no gushyigikira itangazamakuru ryigenga nk'uko bisabwa n'ibipimo mpuzamahanga byerekeye uburenganzira bw'ikiremnamuntu **(Iceland)**;

8.32 Gukomeza gufata ingamba mu rwego rwo kurengera abanyamakuru n'abaharanira uburenganzira bw'ikiremnamuntu **(Ubuyapani)**;

8.33 Gufata ingamba zigamije kurengera ubwisanzure bwo gutanga ibitekerezo no kurengera abanyamakuru kugira ngo badahutazwa cyangwa ntibarenganywe **(Noruveje)**;

8.34 Gutera intambwe zifatika mu kwimakaza ubwisanzure bw'itangazamakuru **(Sierra Leone)**;

8.35 Kuvanaho ingingo z'itegeko ribangamira uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo **(Esipanye)** ;

8.36 Guhindura ingingo ya 2(19) y'itegeko rigenga itangazamakuru mu rwego rwo kwagura ubusobanuro bw'umunyamakuru hagamijwe kongerwamo umuturage nk'umunyamakuru, abanyamakuru bikorera n'abatanga ibitekerezo ku mbuga, hashingiwe ku bipimo mpuzamahanga bigena ubwisanzure mu kugaragaza nga ibitekerezo **(Canada)**;

8.37 Gushimangira ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo havugururwa igitabo cy'amategeko ahana cyo mu 2018, havanwamo icyaha cyo gukwirakwiza ibihuha cyangwa gukora ubukangurambaga bugamije imigambi mibi yo guharabika isura ya Leta y'u Rwanda mu ruhande mpuzamahanga no gutuka cyangwa gutesha agaciro umukuru w'igihugu **(Australia)**;

8.38 Gufata ingamba zigamije gukemura ibibazo by'amategeko adasobanutse arebana n'ububasha bw'inzego z'itangazamakuru zigenzura nk'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura (RMC) kugira ngo rwongererwe ubwigenge bururinda kutavangirwa na leta **(Australia)**;

8.39 Kurengera no gutanga ubwisanzure mu kugaragaza ibitekerezo ku banyapolitike, abanyamakuru, n'abaharanira uburenganzira no kurwanya umuco wo kudahana hahanwa ababakorera ibyaha **(Ubufaransa)**;

8.40 Gushyiraho uburyo bwiza bworohereza imiryango ya sosiyete sivile harimo kubakuriraho ubwinshi bw'ibisabwa mu kwiandikisha no kwemererwa kuba mu miryango ya sosiyete sivile **(Ireland)**;

8.41 Gufata ingamba zo gushyiraho ibisabwa byarengera sosiyete sivile n'abaharanira uburenganzira bwa muntu kugira ngo badakurikiranwa, badaterwa ubwoba no gutotezwa ndetse no koroshya ibisabwa mu kwandikisha imiryango itegamiye kuri leta **(Latvia)**;

8.42 Gutanga urubuga rutuma hubakwa sosiyete sivile zikomeye n'ubwigenge bw'imiryango itegamiye kuri leta havugururwa amategeko abangamira kwiandikisha kwayo ndetse n'imikorere **(Noruveje)**;

8.43 Gutanga ubwigenge ku miryango ya sosiyete sivile n'abahanira uburenganzira bwamuntu **(Côte d'Ivoire)**;

8.44 Gukora ku buryo uburenganzira burebana n' ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo, guhurira hamwe mu ituze muri benshi no kwishyira hamwe, gukora iperereza ricukumbuye ku byerekeye abaterwa ubwoba, abafatwa bagafungwa binyuranyije n'amategeko, abashyirwaho ibikangisho n'itotezwa ry'abaharanira uburenganzira bwa muntu bafatwa nkabamwe mu bafatanyabikorwa muri gahunda y'ibikorwa by'uburenganzira bwa muntu ku rwego rw'igihugu, no kuvugurura kwiandikisha kw'imiryango itari iya leta hagabanywa ibisabwa **(Finland)**;

8.45 Kurushaho guteza imbere demokarasi, hagurwa urubuga rwa politike n'ubwisanzure kandi harengerwa abaharanira uburenganzira bwa muntu **(Noruveje)**;

8.46 Kurengera ibikorwa byemewe n'amategeko by'abaharanira uburenganzira bwa muntu n'abanyepolitike batavuga rumwe n'ubutegetsi (**Espanye**);

8.47 Kwemeza gahunda y'Igihugu y' ibikorwa bigamije kurwanya icuruzwa ry'abantu (**Gabo**);

8.48 Kwihutisha g kwemeza gahunda y'igihugu y'ibikorwa k birwanya icuruzwa ry'abantu (**Georgia**);

8.49 Kwihutisha itorwa ry'itegeko rirwanya icuruzwa ry'abantu n'imirimu ikoreshwa abana (**Sierra Leone**);

8.50 Kurandura ibikorwa bishora abana mu buraya n'ubusambanyi hashyirwaho amategeko abereye n'uburyo bwo gukurikirana no gutanga raporo (**Cyprus**);

8.51 Gushyiraho politike ikomatanyije yerecyeye kurwanya gushora abana mu buraya n'ubusambanyi ndetse n'ubundi buryo bwose bw'ubucakara no gucuruzwa (**Holy See**);

8.52 Gukomeza ingamba zo kurengera uburenganzira bw'abana n'urubyiruko kugira ngo badakorerwa ihohotera rishingiye ku gitsina, gusambanywa ndetse no kubacuruza (**Muzambique**);

8.53 Gushyiraho uburyo bwizewe, imikorere ndetse n'amabwiriza ateguka ababishinzwe gutanga raporo igihe cyose habayeho gushoraabana mu bikorwa by'ubusambanyi ndetse no kubasambanya. (**Senegali**);

8.54 Kongera ingufu mu kurengera uburenganzira bw'umwana cyane cyane hakumirwa kandi hakurwaho ibikorwa byose bishora abana mu buraya kandihagezwa mu butabera ababikoze (**Ukraine**);

8.55 Gushyigikira binyuze muri politike z'ubukungu n'imbenezamubano urwego rw'umuryango ndetse no kubugabunga indangagaciro y'umuryango (**Haiti**);

8.56 Gushyiraho no politike zose zigamije kongera amahirwe y'akazi ku bantu bafite ubumuga no no kongera ingamba mu rwego rwo kongera umubare w'abagore mubakoze **(Maleziya)**;

8.57 Korohereza abantu bafite ubumuga kubna imirimo muri leta no mubikorera kandi bakanafashwa kubona serivise zose za leta **(Turikiya)**;

8.58 Guteza imbere ibikowa byongera umubare w'abagore mu bakozi no gushyiraho politike zita ku buringanire mu byerekeye akazi **(Zambiya)**;

8.59 Guha imiryango ikennye gahunda y'ingoboka no guhanga imirimo ibyara inyungu yabafasha **(Maleziya)**;

8.60 Kuvugurura itegeko rirwanya gukuramo inda mu rwego rwo kongeramo ingingo zemerera ababishaka gukuramo inda cyane cyane igihe iyo nda ishyira mu kaga ubuzima bw'umugore, habayeho gufatwa kungufu, ubusambanyi hagati y'abafitanye amasano cyangwa umwana uri munda agaragaza ubumuga bukomeye **(Danemariki)**;

8.61 Kongera imbaraga mukugabanya imfu z'abana bapfa bavuka cyane cyane havanwaho imbogamizi mugukuramo inda hashingiwe ku itegeko ririho n'impamvu ziteganijwemo no gukomeza ibiganiro n'abaturage hagamijwe kuvana mubyaha ikuramo ry'inda **(Uruguay)**;

8.62 Gusuzuma uko hashyirwaho umwaka umwe w'amashuri y'incuke ku buntu kandi bikaba itegeko kuri buri mubyeyi **(Argentina)**;

8.63 Kongera umubare w'abagore bajya muri Kaminuza **(Ethiopia)**;

8.64 Kuvugurua itegeko Nshinga na politike hagamijwe korohereza abagore kugira uruhare mu nzego zifatirwamo ibyemezo **(Sudani)**;

8.65 Gushyiraho uburyo bubereye bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina **(Mauritius)**;

8.66 Gushyiraho itegeko ribuza ibihano byo ku mubiri bihabwa abana ahantu hose harimo no mu rugo **(Croatia)**;

8.67 Gushyira mu bikorwa itegeko N 17/2017 rishyiraho ikigo cy'igihugu Ngororamuco kugira ngo hatabaho guhutaza uburenganzira bw'abana **(Ububiligi)**;

8.68 Kongera amafaranga ashwirwa muri gahunda zibanda ku bana, cyane cyane abana bafite ubumuga **(Philippines)**;

8.69 Gufata ingamba za ngombwa kugira ngo abana bari mu bigo ngororamuco badafungwa cyangwa ngo bakorerwe ibikorwa binyunanyije n'amategeko **(Canada)**;

8.70 Gushyiraho ingamba hagamijwe guca ishyingirwa ry'abana rikozwe imburangiye cyangwa ku gahato **(Cyprus)**;

8.71 Gushyiraho ingamba zikumira ishyingirwa ry'abana **(Mozambique)**;

8.72 Gushyiraho ingamba zikumira ishyingirwa ry'abana hakubiyemo gutegura gahunda y'ibikorwa yo ku rwego rw'igihugu no gutanga ubushobozi buzafasha mu kuyishyira mu bikorwa **(Zambia)**;

8.73 Gushyiraho amategeko aha uburenganzira busesuye abantu bafite ubumuga **(Côte d'Ivoire)**;

8.74 Gufata ingamba zikwiye mu rwego rwo gukumira no kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose ryibasira abafite ubumuga **(Chad)**;

8.75 Gushyiraho ingamba z'igihugu zifasha abafite ubumuga kubasha kubona serivise za Leta, iz'ubuzima n'iz'uburezi **(Sudan)**.

**9. Imyanzuro yose/ cyangwa ibyifuzonama bikubiye muri iyi raporo bigaragaza ibitekerezo by'ibihugu byayitanze cyangwa igihugu kirimo gusuzumwa. Ntabwo rero igomba gufatwa nk'aho yemejwe n'itsinda ryose ryakoze Isuzuma muri rusage.**

## UMUGEREKA

### Abagize itsinda ryaserukiye u Rwanda

Itsinda ryaserukiye u Rwanda ryari riyobowe na Nyakubahwa Johnston Busingye, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa nkuru ya Leta yaraherekejwe n'abantu bakurikira:

- Nyakubahwa Prof. Anastase SHYAKA, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- Dr. Usta KALITESI, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Imiyoborere myiza ;
- Amb. Marie Chantal RWAKAZINA, Uhagaririye ku buryo buhoraho UNOG;
- Madamu Providence UMURUNGI, Uhagaririye ishami ry'Ubutabera Mpuzamahanga n'Ubutwererane mu butabera; Minisiteri y'Ubutabera;
- Bwana. James NGANGO, Uwungirije uhagaririye UNOG ku buryo buhoraho;
- Madamu Betty DUSENGE, Umujyanama wa Kabiri .



